# 335: Umuhanuzi Yesaya

1. Umuhanuzi Yesaya Yeretsw' ibyiza kera.
   Yerekw' Imana mw ijuru Iri mu rusengero :
Abakerubi n'Abaserafi Bayishyize hagati,
Bajya bayishim' iteka, Bayisingiza bati:

2. Mwan' Uwer' Uwer' Uwera:Ibyo mw isi n'ijuru
   Byuzuyemw ishimwe ryawe, Bose baguhimbaze.
Baracyaririmba batyo,Kand' abantu bo mw isi
Na bo barashim'Imana, Umukiza n'Umwami.

3. Natwe tuyihimbazanye N' abamaraika bose,
   Tuti : Mwami nyir'ingabo, Ni Wow'usumba byose;
Ur' Uwer' Uwer' Uwera :Ibyo mw isi n'ijuru
Byuzuyemw ishimwe ryawe. Bose baguhimbaze !